



IHURIRO RY'IGIHUGU NYUNGURANABITEKEREZO RY'IMITWE YA POLITIKI
FORUM NATIONAL DE CONCERTATION DES FORMATIONS POLITIQUES
NATIONAL CONSULTATIVE FORUM OF POLITICAL ORGANIZATIONS

ITANGAZO RIGENEWE IBITANGAZAMAKURU

**ITANGAZO RY'INAMA RUSANGE Y'IHURIRO RY'IGIHUGU
NYUNGURANABITEKEREZO RY'IMITWE YA POLITIKI**

None ku wa kane, tariki ya 23 werurwe 2023, inama isanzwe y'Inama Rusange y'Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki yateranye, iyobowe n'Umuvugizi w'Ihuriro, Depite UWANYIRIGIRA Gloriose.

Muri iyi nama, hatanzwe ikiganiro kuri "Politiki y'u Rwanda y'ububanyi n'amahanga: ibyagezweho, ibibazo bihari n'ingamba zo kubikemura", hashyirwaho n'abagize Biro y'Ihuriro.

1. Inama Rusange yagejejweho ikiganiro kuri "Politiki y'u Rwanda y'ububanyi n'amahanga, ibyagezweho, ibibazo bihari n'ingamba zo kubikemura"; cyatanzwe na Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane Dr BIRUTA Vincent cyagarutse ku ndangaciro n'amahame bigenga iyi politiki.

Minisitiri yerekanye ko mu bijyanye n'ububanyi n'amahanga u Rwanda rwubaha ubusugire n'ubwigenge bwa buri Gihugu ariko nanone rukomeye ku ihame ryo kurinda ubusugire bw'u Rwanda n'umutekano w'Abanyarwanda.

Mu gushyira mu bikorwa politiki y'u Rwanda y'ububanyi n'amahanga, Minisitiri yagaragaje ko U Rwanda rubanye neza n'ibihugu binyuranye harimo n'Imiryango Mpuzamahanga, rukaba rufite za Ambassade zigera kuri 42 ziduhagarariye mu bihugu birenga 150.

Minisitiri yagaragaje bimwe mu bibazo u Rwanda ruhanga nabyo birimo ikibazo cy'ubushotoranyi bw'Igihugu cya Repubulika Iharanira Demokarasi ya Kongo n'ubushake buke bw'abayobozi bacyo bwo gukemura ibibazo by'umutekano bikirangwamo. Hari kandi n'ikibazo cyo gukwirakwiza ingengabitekerezo ya Jenocide hakoreshejwe cyane cyane itangazamakuru n'imbuga nkoranyambaga.

Nyuma yo kungurana ibitekerezo, Imitwe ya Politiki yashimye iyi politiki yiyemeza kugira uruhare mu kurwanya ibikorwa bigamije guharabika isura y'u Rwanda mu ruhando rw'amahanga no kurushaho kugaragaza ibikorwa n'u Rwanda mu rwego rwo guteza imbere ububanyi n'amahanga n'ubutwererane.

at

2. Inama Rusange yashyizeho abayobozi b'Ihuriro ku mwanya w'Umuvugizi, hatowe Depite **MUKAMANA Elisabeth**, uturuka mu Mutwe wa Politiki PPC, naho ku mwanya w'Umuvugizi Wungirije w'Ihuriro hatorwa Depite **NTEZIMANA Jean Claude**, uturuka mu Mutwe wa Politiki DGPR.

Bikorewe i Kigali, tariki ya 23/03/2023.



GISAGARA Théoneste
Umunyamabanga Nshingwabikorwa